RI Executive Office of Health & Human Services
Rhode Island Medicaid Program
PO Box 8709
Cranston, Rhode Island 02920

Ku Munyamuryango wa Medicaid,

Ibiro Nshingwabikorwa bya Rhode Island bishinzwe Ubuzima na Serivisi Z'imibereho myiza (Executive Office of Health and Human Services, EOHHS) bikeneye ubufasha bwawe kugira ngo bibashe kunoza uburyo bwo kwita ku buzima bwawe. Dufite ubushakashatsi bugufi bw'iminota kuva kuri 3 kugera kuri 4 bukubaza ibibazo bijyanye n'icyo utekereza kuri serivisi uhabwa z'ubuvuzi kuri ubu. **Ibisubizo byose ni ibanga kandi ntibizagira ingaruka ko byo Medicaid ikugenera.**

Kugira ngo uhe ibitekerezo EOHHS, kanda ihuza riri munsi maze urangize ubushakashasti bitarenze **tariki ya 31 Gicurasi, 2021**.

Kopi y'urupapuru rw'ubu bushashatsi yometswe hano kandi ushobora kongera kuyohererereza EOHHS ukoresheje imeyiri. Kopi elegitoronike z'ubu bushakashastsi, harimo n'ubushakashasti bwo mu ndimi nyinshi, wabisanga ku rubuga rwacu, eohhs.ri.gov. Sikana kode ya QR iri kuri iyi baruwa cyangwa iri hejuru y'ubushakashatsi wifashishije telefone yawe igendandawa, usubize ibibazo by'ubushakashatsi kuri interineti utiriwe ukoresha iposita.

Ni ingenzi kuri twe kumva icyo utekereza ku buvuzi uhabwa. Uyu ni umwanya mwiza ubonye wo kudufasha. Urakoze ku bw'igihe cyawe. Twifashishije ubufasha bwawe, twakubaka porogaramu yo kwita ku buzima ya Medicaid irushijeho kuba nziza.

Murakoze,
Womazetta Jones
Umunyamabanga